REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NZERI 2020

10 Ukwakira 2020

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NZERI 2020

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2020. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 8,9% mu kwezi gushize kwa Nzeri 2020 ugereranyije na Nzeri 2019.Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa munani (Kanama 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 8,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 8,9% mu kwezi kwa Nzeri ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 10,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 21,5%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 5,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 22,4%.

Iyo ugereranyije Nzeri 2020 na Nzeri 2019, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 7,1%.

Wagereranya ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2020) n'ukwezi kwa munani (Kanama 2020), ibiciro byiyongereyeho 1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 0,6%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Nzeri 2020, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 12,2% ugereranyije na Nzeri 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa munani (Kanama 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 12,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 12,2% mu kwezi kwa Nzeri ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 16,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 19,9%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi

© Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda *CPI Nzeri 2020*- **N° 09**

n’ibindi bicanwa byazamutseho 4% n’ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byazamutseho 23,7%.

Ugereranyije ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2020) n’ukwezi kwa munani (Kanama 2020) ibiciro byazamutseho 2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,9% n’ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byazamutseho 1,8%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Nzeri 2020 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 10,8% ugereranyije na Nzeri 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry’ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa munani (Kanama 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 10,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 10,8% mu kwezi kwa Nzeri 2020 ni ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 15,1%, ibiciro by’ibinyobwa bisembuye n’itabi byazamutseho 20,4% n’ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byazamutseho 22,7%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2020) n’ukwezi kwa munani (Kanama 2020) ibiciro byazamutseho 1,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,4% n’ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byazamutseho 1,5%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y’ihindagurika ry’ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2019 kugeza muri Nzeri 2020.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2019 kugeza muri Nzeri 2020**

***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | 2019 | | | | 2020 | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 3,1 | 4,4 | 6,9 | 6,7 | 7,3 | 8,7 | 8,5 | 8,0 | 9,2 | 9,0 | 9,2 | 8,8 | 8,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 5,8 | 9,2 | 15,5 | 15,8 | 14,6 | 17,1 | 16,5 | 11,7 | 10,5 | 11,2 | 13,2 | 12,4 | 12,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 4,6 | 7,2 | 11,8 | 11,9 | 11,5 | 13,5 | 13,1 | 10,1 | 9,9 | 10,3 | 11,5 | 10,9 | 10,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,9 | 0,6 | 1,9 | -0,3 | 0,6 | 1,6 | 1,0 | -0,2 | 2,0 | -0,2 | 0,2 | 0,5 | 1,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 2,2 | 1,9 | 5,2 | -1,1 | -1,1 | 1,8 | 2,5 | -3,0 | -0,3 | 0,6 | 1,6 | 1,7 | 2,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,6 | 1,4 | 3,8 | -0,8 | -0,4 | 1,7 | 1,9 | -1,8 | 0,7 | 0,2 | 1,0 | 1,2 | 1,6 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw